K.ET./K.El.

2 Août 1961

1530/Req.

Requête.

Transmis copie pour information à Monsieur le Préfet, sous couvert de Monsieur l'Administrateur de Territoire de Ruhengeri, la requête émanant des habitants de la commune Gahunga en lui demandant de bien vouloir me fournir les éclaircissements.

---

PREFECTURE RUHENGERI
COMMUNE GAHUNGA
BOURGMESTRE BUKOKWE.

Italiki ya 1.7.61

Tubinyujije ku Banyacyubahiro

Bwana Johani Baptista Rwasibo : Ministre w'Ubugénga-Gihugu.
Bwana Lazaro Mpakaniye : Préfet wa Ruhengeri.

1° Haraboneka ubwikanyiza kandi tuzi neza ko bwavuyeho. Ibyo biterwa n'iki muli iki gihe hali ubutegetsi bw'inzu imwe ?

2° Tuzi ko agatsama, agahene ka nzagukiza kavuyeho. Ubu karasabga. Aliko se ibyo birakwiye ?

3° Dore burgmestre n'abajyanama be, bafite abagore Misezerano bafite kandi ni inshoreke. Umuturage yamuzana, bakamujyana k'urukiko ngo nacibge ibihumbi. Ubwo se urugero rutanze nde?

4 °Mbese abarwanashyaka abo bitoyemo bakwiye guhezwa ?

5° Mbese nahijije umusururu nkawupimira iwanjye, bourgmestre akwiye kumsoresha ?

6. Umuntu wayuga burgmestre mw'izina ngo akwiye gukubitwa ?

Turasaba ngo mujye musubiza ibyo tubabajije. Biba bitubabaje cyane kandi biba bibabaje igihugu nibuze akarere kacu duhereyeyemo. Kuki mutwirengagiza, mukaturangarana Twigeze kubandikira nanone ntimwagira icyo mudusubiza. Harya

.../...

ngo umwana murizi ntakurwa urutozi ? Mujye mudusubiza ni icyo twabashyiliyeho, dukunde dushyirehamwe, tulinde Urwanda rwacu, akarengane ubushuma, ubugome.

Tubasabye kandi ikindi kintu gikomeye. Nimurasuka muje gusura za Komine, si byiza yuko ba Bourgmestre hamwe ni Abajyanama babo, babihereruna, ngo bababuze kubonana na rubande. Natwe tulimo abafite ijambo kandi nitwe tuzi ibintu m'ukuli. Mujye mu nanira no mu ruterana rwa bose, tubone iyo tubibariza mu mugaragaro. Aliko mwe muyobewe amayere, haruwashimira kugawa muli Kom ne ye se.

Nitwe abavugira abaturage ba Gahunga

Donati Ruzima
Joseph Segashyamba
Commine ya Gahunga
Ruhengeri.

PREFECTURE RUHENGERI
COMMUNE GAHUNGA
BOURGMESTRE BUKOKWE.

Nyakubahwa Ministre Jean Baptiste Rwasibo,

Icyambere mbaza niki nta mutegetsi dufite ? Ahubwo yanga yanga Kiliziya na Leta. Impamvu niyi. Ntawukwiye gutegeka igihugu afite abagore babili ni ukwiba leta no kwica umuco w'igihugu no kwica amategeko y'imana. Ali gutarura abana yasambanye ku umugore w'umupfakazi, akunde abone umushahara wa Leta.

Abaturage bose ntiduushaka uwanga Kiliziya ya Mungu. Iyo ni Komini ya Gahunga. Ntitumushaka. Ni igisambo ntigikiwiye gutegeka umusozi. Ntakwiye gukuraho mategeko y'Imana na ya leta. Kandi atangiye gutoteza Kiliziya. Impamvu ni iyi : ntawo mw'idini ya Gatolika ukibona akazi, atali uwo mw'idini yabo. Ubwo lero ni ubgilkanyize. Bashaka kwonona kiliziya ya Mungu.

Tulifuza aigisubizo cyanyu niba mubishaka.

sé/ Nitwe Gerardi Gacendezi
Gerigori Mutezintare

bo muli Komine ya Gahunga.

Icyo twibagiwe. Turakubaza yuko umutangizi w'umusoro akwiye kugura igitabo cy'umusoro. Iwacu turabigulisha 25 fr.